	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR115I124v0
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe UKUBOZA 2007
IFISHI YA TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : UBINYOBWA		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	AJENDA AGRICOLE / MINAGRI

Itariki inyandiko yasohokeyeho	2002

Umubare w'amapagi	2

IFISHI YA TEKINIKI Z'UBUHINZI BWA KIJYAMBERE : UBUNYOBWA

1.Aho bukunda: Imbo, Mayaga, Bugesera, Umurambi w'iburasirazuba n'Umukenke w'iburasirazuba

2. Ubutaka: bworoshye, buseseka kandi buhitisha amazi

3. Amoko: HNG 18, HNG 17, Valencia 24, Valencia 34

4. Ifumbire y'ibibora: ibiro 100 kuri ari mw'itabira

5. Igihe cy'itera: Nzeri kugeza hagati m'Ukwakira no muri Gashyantare - Werurwe

6. Igerambuto: Kg 1,2-1,5 kuri ari 1 cy'ubunyobwa butonoye, batera kuri cm 20 hagati y'imirongo na cm 20 ku murongo, batera intete 2 mu kobo; cyangwa cm 20 hagati y'imirongo na cm 10 ku murongo ku batera intete imwe mu kobo.

7. Kubukenura: - kubagara: ibyumweru bitatu nyuma yo gutera
- gusukira: mbere y'uko burabya

8. Ifumbire y'imvaruganda: Kg 1 cya DAP/are, ubunyobwa bumaze kumera cyangwa mu itera cyangwa Kg 2 bya NPK 17-17-17 kuri ari 1.

9. Indwara n'udukoko

a) Serikosiporiyoze

Ikiyitera: **Cercospora personata cyangwa Cercospora arachidicola (uduhumyo)**

Aho ifata: amababi

Ibimenyetso: ibidomo byirabura ku tubabi. Utubabi dutangira kononekara nyuma tugahunguka

Kuyirwanya: - imihingire myiza ituma imyaka ikura vuba, gusimburanya imyaka no gutwika ibisigazwa by'umusaruro n'ibishibuka
- gutera Benlate L 0,80 kuri ha ubunyobwa burabya

b) Ukubemba k'ubunyobwa

Ikibutera: virusi ikururwa n'agakoko kirabura kitwa *:* ***Aphis craccivora***

Aho ifata: igice cyose cyo hejuru

Ibimenyetso: igihingwa gisa nk'igihinahinnye kandi cyipfunyapfunye. Ingingo ziba ngufi amababi agata ireme akanahindura ibara.

Kuyirwanya: guterera ubunyobwa igihe kimwe mu karere kose, maze isarura rikabera rimwe.

Gutera ku buryo bwegeranye (cm 20 kuri cm 10). Kubagarira igihe, no kurandura ubunyobwa bwimeza igihe cy'ihinga ryabwo kitaragera, kutarandura ubunyobwa burwaye mbere yo gusarura.

c) Thrips (udukoko)

Irindi zina: **Megalurothrips sjoestedti**

Aho ifata: amababi

Ibimenyetso: amababi aryagaguye ku mpande n'impera z'utubabi zihinnye zerekera hasi

Kuyirwanya: Sumithion 50% cyangwa Sumicombi 30% : 10 ml/10 L z'amazi kuri ari imwe cyangwa diménthoate : 0,5 L/ha ni ukuvuga 5 ml/10 L z'amazi/are 1.

10. Iminsi bwerera: amezi atatu cyangwa atatu n'igice

11. Umurumbuko: Kg 15 kuri ari mu buhinzi bwa kijyambere (ubunyobwa budatonoye)

12. Guhunika: budatonoye, bwumye neza kandi buri ahantu humutse kandi budashobora kononwa n'imbeba (hapfundikiye).